“Yesu Kristo ntahinduka, uko yari ejo, na none niko ari no kugeza iteka ryose” Abah.13:8)

Urandiko ruzenguruka Ukwezi kwa 12/2015

Ndabasuhuza mwese n’aya magambo yo mu Byakoze n’intumwa 26:22.

“*Ariko kubwo gutabarwa kw’Imana, ndacyariho kugeza uyu munsi, mpamiriza abato n’abakuru, ntakindi mvuga uretse ibyo Mose n’abanuzi bavuze ko bigomba gusohora*”. Amina! Ibyo byarabaye, by’umwihariko igihe cyo kuza kwa mbere kwa Kriso, ubwo ubuhanuzi burenze ijana bwasohoraga. N’ubu nabwo niko bimeze kuko ubuhanuzi bwa nyuma burimo gusohora.

Tuzi neza ko imana ifite umuganbi w’agakiza, uwo yavugiye cyera mu kanwa k’abahanuzi, uwo arimogusohoza muri uyu munsi w’agakiza turimo “***Uwiteka Nyiringabo yagambiriye: ninde uzamuvuguruza. Yarambuye ukuboko kwe, ninde uzamukoma mu nkokora?***” (Yes. 14:27)

Pawuro yari afite umuhamagaro (Ibyak. 9), niwo watumye yari afite inshingano itaziguye imbere y’Imana, ibyo bikaba bigaragarira mu nzandiko ze zose, nk’uko yashoboye kubivuga: “… *kuko nababwirije umugambi w’Imana wose ntacyo mbahishe*” (Ibyak. 20:27). Na none mur’iki ghe cyacu, umugambi w’Imana wongeye kuduhishurirwa bundi bushya binyuze mu kanwa k’igikoresho Imana yatumye kandi bihishuwe n’Umwuka wera.

Nk’uko Imana yabisezeranije mu Isezerano rya cyera no mu rishya (Maraki 4:5; Mat. 17:11), Umwami nyir’ukwiringirwa yabanje gutuma umuhanuzi mbere yo kuza kwe nk’Umukwe wo mu ijuru kugira ngo agarure byose mu Itorero rye kugirango arigarure uko ryari ku itangiriro.

Ka turebe icyitegererezo cyo muri bibilia ku bijyanye <u>n’umuhamagaro hamwe n’umurimo utanzwe n’Imana</u>:

Mose yashoboragaga kuvuga ati: “*Uwitwa Ndiho niwe <u>wantumye</u> Kuri mwe*” (Kuva 3:14). Kuko uwiteka yari yivuganiye nawe: “*<u>Nzagutuma</u> Kuri Farawo*…”(Kuva 3:10-12; Ibyak. 7:34).

Ubwo Umwami yabazaga ati “*<u>Ntume nde</u>*?”, Yesaya yarasubuje ngo: “*<u>ndi hano</u>, <u>ntuma</u>*” (Yes. 6:8). Yabwiye Yeremiya: “*ntuvuge uti ndi umwana. Kuko uzajya kubo nzagutumaho bose, kandi uzavuga ibyo nzagutegeka byose*” (Yer. 1:7).

Umwami yategetse Pawuro gufata inzira, kuko “… *<u>nzagutuma</u> kure ku banyamahanga*…” (Ibyak. 22:21). “… *kugira ngo ubahumure amaso*…” (Ibyak. 26:17-18). Ibyo byasohoreye mu kibwirizwa cye.

Muri Yohana 13: 20, Uwami Yesu yavuze akomeje ati: “Uwakira uwo natumye ni jye aba yakiriye, kandi unyakiriye aba yakiriye uwantumye.” Muri Yohana 20:21, Umwami amaze kuzuka yabwiye abigishwa be ati: “*nk’uko Data yantumye, nanjye <u>ndabatumye</u>*.”

Na we ubwe nk'Umwana w'umuntu atanga ubuhamye inshuro zirenga 20, uhereye Kuri Yohana 4:34 ukageza ku gice cya 17:8, avuga ko yatumwe.

Avuga ku byo kuza kwe, Umwami yavuze muri Maraki 3:1 "*dore nohereje intumwa yanjye imbere yanjye, niwe uzanteguria inzira*", kandi muri Maraki 4:5, tuhasanga isezerano rikurikira: "dore, *nzabohereereza Eliya umuhanuzi*…"

Mu bibwirizwa bye uko ari 1.200, mwene Data Branham yavuze inshuro zirenga 200 ku bya Maraki 4:5, aho Uwiteka ubwe avuga ati: "*<u>dore nzabohereereza</u> Eliya, umuhanuzi, mbere y'uko umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba w'Uwiteka uza…"* Uyu murongo, wasohoye mu gihe cyacu. Kubw'ubwo bwiru bwasezeranijwe, ibyahoze mu itorero rigitangira, byaba mu nyigisho cyangwa mu mirimo, byagombaga kugarurwa, nk'uko Umwami abihamiriza muri Matayo 17:11: "*Ni koko Eliya agomba kubanza kuza agatunganya byose*."

Yohana Mubatiza nawe yari azi neza Ijambo ry'Imana ryamuvugagaho. Niyo mpamvu yashoraga kuvuga ati: "… *ndi ijwi ry'urangurura mu butayu: mutunganye inzira z'Uwiteka nk'uko byavuzwe mu kanwa k'umuhanuzi Yesaya* (Yes. 40:3)" (Yoh. 1:23). Muri Matayo 11:10, Umwami yesu nawe yerekana aho Ibyanditswe bivuga iby'ubukozi bwe: "*kuko ari we wanditsweho ngo (Maraki 3:1): dore, ndohereza integuza yanjye imbere yawe, kugira ngo ategure inzira yawe imbere yawe*."

Muri ayo magambo, ntabwo ari iby'ubukozi kimwe n'ubwo Imana yashyize mu Itoreronk'intumwa, abahanuzi, abashumba, abigisha n'abavuga butumwa, nta n'ubwo ari iby'abasaza b'Itorero cyangwa abadiyakoni, nta n'ubwo ari iby'impano z'Umwuka mu Itorero, ibi ni ubukozi bwo nyuma, ubutumwa bwa nyuma, bugomba kubwirizwa, atari mu itorero ry'akarere gusa, ahubwo kw'isi yose, kugira ngo Itorero rya Yesu Kristo rigarurwe uko ryari rimeze rigitangira.

Nk'uko ari ukuri ko Yohana Mubatiza yashoboraga guhamya ati: "*ariko <u>uwantumye</u> kubatirisha amazi, niwe <u>wambwiye</u> ati…*" (Yoh. 1:33), niko na mwemedata Branham yashoboraga guhamya ibya yabwiwe tariki 11/6/1933, ati: "**nk'uko Yohana Mubatiza yoherejwe kugira ngo abe integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, uko ni ki nawe <u>uzoherezwa</u> ufite Ubutumwa buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo**!" yashoboraga kuhamiriza umurimo yahawe mu buryo butaziguye, kimwe no kugendererwa ndengakamere yagrnderewe tariki 7/5/1946, ubwo yashyirwaga mu bukozi. Marayika winjiye mu cyumba ari mu mucyo ndengakamere, yahaze imbere ye aravuga ati: "**Witinya. Ngutumweho mvuye imbere y'imana isumba nyose**!" nuko amuha amabwiriza y'umurimo we, mubyo yamubwiye harimo ko: "**Nk'uko Mose yahawe ibimenyetso bibiri, nawe ni ko uzahabwa ibimenyetso bibiri…**" Bwari ubukozi ndengakamere bwahamirijwe no gukiza indwara mu buryo butangaje. Ibitangaza byo gukiza indwara byagombaga gukururira abantu ku kugendererwa kw'Imana no ku butumwa yagombaga gutanga.

Tumaze kuvuga kenshi no kwandika ku bijyanye n'ubukozi bwihariye bwa mwene Data Branham. Nk'umuhamya wabyihagarariyeho, akabyibonera kandi akabyiyumvira, nshobora guhamya ko Imana yamukoresheje kandi imuha umugisha nk'umuvugabutumwa n'umuhanuzi, nk'uko bitigeze

biba ku wundi muntu mu gihe cyacu, ahamiriza ijambo rye. Ariko noneho ntabwo tukiri ku gihe cyo kuva muri 1933 kugeza 1946, cyangwa icyakurikiyeho guhera 1946 ukageza 1965, ubwo uwo mukozi w'Imana yamenyekanye ku isi yose kub'amateraniro ye y'ububyutse no gukiza abarwayi mu buryo butangaje yagize mu bihugu 12. Ubu icya ngombwa ni igihe kidasanzwe turimo. Imana yashyizego umugambi wayo w'agakiza uhereye mu iteka ryose, irimo kuwusohoza kugeza ku iherezo, nk'uko ubushake bwayo buri. Ubukozi bwa Yohana Mubatiza bwarangiye mu buryo butakumvikana Kuri twe, yaba ari kuba yaraciwe umutwe (Mat. 14:1-12). Tariki 24/12/1965, mwene Data Branham yishwe n'ibikomere yatewe n'impanuka yagize yo mu muhanda, bitewe n'umusore muto wari wasinze, tariki 18/12/1965. Imana ntabwo yigera yibeshya.twabisobanukirwa cyangwa se tutabisobanukirwa, bigaragara ko ubukozi bwa mwene Data Branham bwari bwarangiye, ariko siko byari bimeze kubw'umuhamagaro wo gusohoka no gutegurwa kw'itorero Mugeni. Ubutumwa bwagombaga kubanza kubwirizwa ku isi yose, kugira ngo bugere ku bantu b'amoko yose, indimi zose n'amahanga yose.

Nkuko ayobora, nshaka kumukurikira

Nkunze kubazwa kenshi, cyane cyane na bene Data b'abakozi, ukuntu nahuye na mwene Data Branham n'aho twahuriye, ndetse n'ibikorwa by'Imana bikomeye kuruta ibindi naba nariboneye mu bukozi bwe. Mu mwaka wa 1949, ubwiriza uzwi cyane witwa David Duplesis wo muri Afurika y'epfo n'undi mugabo war'uvuye i Los Angeles, muri Amerika Hal Herman wasengeraga abarwayi nibo bari ababwiriza bakuru ma materaniro y'itorero ry'abapentekote ryitwa Elim ry'umuvugabutumwa witwa Pawuro mu murwa witwa Hambour. Hal Herman niwe n'umvanye bwa mbere izina rya William branham ku bijyanya n'impano ndengakamere yo gusengera abarwayi bagakira.

Mu mwaka wa 1951, nagiye mu materanira y'itorero ry'abapantekote bigenga bari ku murenge wa Eimsbuteleri, kwa Pasitori Oscari Landoni. Mur'iryo torero habwirizagamo n'undi mugabo witwa Hans Waldvogel wari umudage akaba n'umunyamerika wakomokaga mu murwa wa New York, n'undi wari umusuwisi ari n'umunyamerika witwa Rishari Ruf, abo nabo bavuze ku by'impano y'akataraboneka yo gusengera abarwayi ndetse n'iy'ubuhanuzi. Icyo gihe, ububyutse bwo gusengera abarwayi bwatangijwe na William Branham bwarushagaho gukwira hose.

Mu mwaka wa 1953, nibwo umugabo witwa Albert Goz washinze icapiro ryitwa "Mehhr-Licht" yampaye igitabo cyasemuwe mu kidage cyitwa "**William Branham, umugabo watumwe n'Imana**", cyari cyaranditswe n'uwitwa Gordon Lindsay. Ibyari byanditswe mur'icyo gitabo byanteye kubyibazaho cyane.

Numvise ko mwene Data Branham agiye kugira amateraniro ahitwa Karlsruhe uhereye tariki 12 ukageza tariki 19 z'ukwezi kwa munani 1955, nahereye numva muri jye ko ngomba byanza bikuze kujya muri ayo materaniro. Ubwo nibwo niboneye bwa mbere iby'umurimo we w'imbaraga nyinshi. Imirimo yabaye mu bukozi bw'Umwami wacu nk'ubuhanuzi bwari burimo kongera

gusohorera mu maso yacu. Nkuko yabwiye Natanayeri ati: "*mbere y'uko Firipo aguhamagara, ubwo wari munsi y'igiti cy'umutini, nakubonye*". Petero we yabwiwe n'Umwami ngo: "*uri Simoni mwene Yona*" (Yoh. igice cya mbere). Umusamariya ku iriba we, yabwiwe ibyo yakoze byose (Yoh. 4), ibindi... uko niko byari bimeze no mu bukozi bw'ubuhanuzi bwa mwene Data Branham. Ubwo yabaga asengeraga abarwayi, mwene Data Branham yerekwaga ibintu atashoboraga kuba hari ukundi yabimenya byo mu buzima bw'abo yasengeraga. Igihe yavugaga ibyo yabaga arimo kwerekwa, kwizera kw'umurwayi kwaheragako gukomezwa cyane ku buryo yaheragako yigendera amaze gukira. Ku bijyanye n'iyo mpano y'ubuhanuzi yo kwerekwa, yakunze kuvuga ko bijyanye n'ibyanditse byo muri Yoh. 14:12: "... nawe azakora imirimo nkora... "Byongeye kandi muri Yoh. 5:19: "... *ntacyo Umwana akora kubwe, ahubwo ibyo abona data akora nawe nibyo akora...*". Umwana w'umuntu, Yesu Kristo, niwe wari wa Muhanuzi wasezeranijwe (Guteg. 18:18). Kimwe nawe, mwene Data Branham yabonaga mu iyerekwa iby'abo yabaga arimo kuvugana nabo.

Twese twatangajwe n'ubwo bukozi ndengakamere butangaje kandi bwahamirizwaga n'Imana, kuko impumyi zahumukiraga imbere yacu, ibipfamatwi byashoboye kumva n'ibimuga biragenda. Yesu Kristo yagaragazaga ko akiri wa wundi kimwe no mu gihe cye ubwo yari akiri ku isi (Abah.13:8). Uhereye ku giterane cye cya mbere, nahereyeko menya ko ari umuntu watumwe n'Imana, kuko nta muntu wakora ibyo keretse Imana iri kumwe nawe. Birumvikana ko nari mfite icyifuzo gikomeye cyo kumenya uwo mugaragu w'Imana ubwanjye.

Nabonye ubwo buryo tariki ya 15 ukwamunani 1955, hari ku wa mbere.Ntabwo nari narigeze memenya mbere hose: mbega kwicisha bugufi ndetse n'ubugwaneza! Ubwo nari mpagaze hafi y'aho bakirira abashyitsi kuri hoteri, mwene Data branham arahaza, ambonye azamura ukuboko kwe kw'iburyo gato maze arambwira ati: "Uri umuvuga butumwa; umugore wawe ni uriya uhagaze ku muryango." Hanyuma ampa umukono arandamutsa maze tuvugana akanya gato. Ibyabaye icyo gihe byarantangaje cyane, ku buryo nashatse gukomeza gukurikirana no kugirana imishyikirano hamwe n'uwo mukozi w'Imana.

Kubw'ibyo, naboneyeho njya mu giterane gikomeye cy'"Ijwi ry'agakiza" i Dallas, Texas, mu kwezi kwa Gatandatu 1958. Mu gihe cy'amateraniro ya mu gitondo n'aya nyuma ya saa sita, abandi babwiriza benshi bazwi cyane nibo babwirizaga, hanyuma nimugoroba, mwene Data Branham niwe wabwirizaga. Niboneye itandukaniro hagati yabo, hanyuma nibariza mwene Data Branham duhuye mbere y'igiterane kimwe. Nashatse kurushaho kumenya iby'ubukozi bwe, ndetse n'itandukaniro hagati ye n'abandi bose. Nuko aransubiza ati: "hari ubumwa nahawe ngomba gutanga". Ku iherezo ry'icyo kiganiro, yaravuze ati: "mwene Data Frank, uzasubira mu Budage ujyanyeyo ubu bitumwa". Ubwo nari maze imyaka ibiri nimukiye mu gihugu cya Kanada hamwe n'umugore wanjye. Nari namaze kugura inzu aho kandi niho numvaga nzakomeza kwibera. Ariko, ayo magambo nayafashe nkaho ari "UKO UWITEKA AVUZE". Uko ni ko mu kwezi kwa munani kwakurikiye, twari twamaze gusubira mu Budage. Ubwo nagiranaga ikiganiro hamwe nawe i Dalasi, mwene Data Branham yansabye kujya kureba bene Data bitwa Leo na Gene, bari bashinzwe gushyira ibibwiriza bya mwene Data ku mfatamajwi. Ubwo bampaye imfatamajwi eshanu maze mbasigira aderesi

yanjye. Ku itangiriro ry'ikibwirizwa cyitwa "Dushaka kureba Yesu", cyabwirijwe tariki 12 z'ukwa gatandatu 1958, mwene Data branham yavuze ku kiganiro twari twagiranye, ubwo yagize ati:"**Nari hamwe n'umugabo wavuye mu Budage mu kanya gato gashize, wampobeye. Mu Budage twagize amateraniro aho abantu ibihumbi icumi bacyiraga umwami buri mugoroba, bose hamwe bari ibihumbi mirongo itanu mu migoroba itanu."**

Uhereye icyo gihe kugeza ku iherezo, nohererezwaga ibibwirizwa bya mwene Data Branham byose ku mfatamajwi. Mu kwezi kwa cumi na kabiri 1959, nibwo natangiye kujya nsemura mu rurimi rw'ikidage ibibwirizwa bya mwene Data mu ihuriro ry'amasengesho y'abantu bake twagiraga i Krefeld. Tariki 28/11/1963, mwene Data Branham yavugiye mu giterane kimwe ati: "**umurimo w'imfatamajwi ukomeje kujya ku isi hose. Ndibwirako ari ubundi buryo Imana ikoresha kugira ngo igeze ubutumwa mu bihugu by'abanyamahanga. Mur'ibyo bihugu bajya basemura ubutumwa mu ndimi zabo. Mu Budage, bazana imfatamajwi mu materaniro. Usemura agashyiro icyumvirizo mu matwi hanyuma agasemurira abandi ikibwirizwa. Uko niko umuvugabutumwa ahagarara imbere y'amagana y'abantu akabasemurira mu rurimi rwe ibyo mba navuze..."**

Ukugendererwa kuruta ibindi byose

Iby'ukugendererwa kudasanzwe nagenderewe ubwo nahamagaragwa nkanahabwa inshingano,n'Imana, byabaye tariki 2/4/1962, bizwi na bose. Icyo gihe nari naratangiye kubwiriza kuko nabitangiye mu mwaka wa 1952, kuko niyumvagamo ko nahamagariwe kubikora. ariko uwo munsi, numvise ijwi ry'Umwami ricengera kandi ritegeka, maze rivuga amagambo akurikira:

"Mugaragu wanjye, igihe cyawe muri uyu mudugu kiri hafi kurangira, nzakohereza mu yindi midugudu kubwiriza Ijambo ryanjye."

Ndasubibiza nti:"Mwami, ntibazanyumva, kuko bakize, bakaba badamaraye."

Hanyuma Umwami aransubiza ati: "**Mugaragu wanjye, igihe kiraje ubwa bazakumva. Mwibikire ibyokurya, kuko hagiye kuza inzara ikomeye. Maze uzahagarara hagati y'ubwoko bw'Imana maze ugabure ibyokurya..."** Maze hakurikiyeho iri itegeko ngo : **"Mugaragu wanjye, ntugashinge amatorero kandi ntugacape ibitabo by'indirimbo, kuko ibyo ari ibiimenyetso by'idini."**

Kubera ko ibiribwa nk'ibirayi, amafu n'amavuta byari byavuzwe, twabitse ibyokurya mu bubiko. Twari twiteguye ibihe bikomeye, kuko byari mu bihe by'ubushyamirane bukomeye mu gihe cy'intambara y'ubutita hagati ya Amerika n'Uburusiya. Kubera ko igikuta gicamo kabiri umurwa Berlin cyubatswe mu kwezi kwa munani 1961, cyacagamo Ubudage kabiri, abantu bose, baba abo mu Burayi bwo mu Burengerazuba cyangwa ubw'Uburasirazuba, ndetse n'abo mu yandi mahanga yose, bari bahagaritse umutima biteze ibyari bigiye kuba.

Uko amezi yasimburanaga ntihagire inzara itera, nagize agahinda gakomeye kuburyo ntari ngishaka gukomeza kubwiriza. Mu kwezi kwa cumi na kumwe, nahamagaye mwene Data Branham, musaba kugirana nawe ikiganiro byihutirwa. Kuwa mbere tariki ya 3 mu kwezi kwa 12/1962, imbere y'abahamya babiri, bene Data Sothman na Banks Wood. Nari nicaye ku meza imbere ya mwene Data Branham maze nza kubona ko yari arimo kubonekerwa, kubera ko ijisho rye ry'iburyo ryari rifunze gato. Nuko aherako

ansubiramo amagambo y'umuhamagaro wanjye ijambo ku rindi. Hanyuma, aherako ansobanurira ko biari ibiryo n'inzara by'umubiri, nkuko nari nabitekereje, ko ahubwo ari inzara y'ijambo ryasezeranijwe ry'iki gihe n'ibiryo by'umwuka nagombaga guhunika.

Mu kibwirizwa cye cyo ku itariki ya 1/1/1962, avuga ko Imana yamutegetse guhunyika ibyokurya i Jeffersonville. Ibyo yabivuze mu gihe ibibwirizwa byashyirwaga ku mfatamajwi. Niiyo mpamvu buri kibwirizwa cyaheragako kinyohererezwa. Arongera ambwira ko nagombaga gutegereza ikwirakwiza ry'ibiryo –atari ibyo kubwiriza Ijambo- kugeza igihe nzakirira ibisigaye byose. Ku iherezo ansaba niba narashoboraga kumusimbura nkavuga mu mwanya we ku giterane c'abacuruzi b'abakristo, cyagombaga kubera kwa Demosi Shakariani ahitwa i Los Angeles, kuko we yarimo yitegurira kwimuka akajya ahitwa Tukisoni, muri Arizona. Kuberako ibyo ari byo byose indege inkyura yagombaga kunyura i Los Angeles, nabyemeye bitangoye.

Kuba narashoboye kwibonanira inshuro nyinshi na mwene Data Branham, nkaba narageza mu nzu ye, nkaba narasangiye nawe nkanagendera mu modoka ye, ni ibintu bimfitiye akamaro cyane. Mpora nibuka na none ibiganiro twagiranye kuri telephone, kandi ndacyafite inzandiko yanyandikiye uko ari 23. Urwa mbere yarwanditse tariki 11/11/1955, naho urwa nyuma yarwanditse tariki 30/9/1965. Ibyo byose mbyibuka nkinibutso z'agaciro gakomeye. Ariko igikomeye kuruta ibindi ni ubumwe twari dufitanye mu buryo bw'mwuka nk'uko Imana yari yarabigambiriye.

Kimwe n'abegeraga mwene Data Branham bose, urupfu rwe rutunguranye nanngyerwambereye inkuru y'incamugongo, nubwo namubonye mw'iyerekwa, tariki 24/12/10965 arimo azamuka mw'ijuru ari ku gicu. Hasigaye umunsi umwe agahambwa, byabaye tariki 11/4/1966, nashoboye kwongera kubona kandi mwene Data Branham ari mu isanduku: yari yiruhukiye, nta gikomere kigaragara, mu maso he hamwenyuye gato. Ku irimbi, mwene Data wayoboraga imihango yasuhuje abari baje guherekeza mwene Data Branham akoresheje aya magambo: "twateranirijwe hano no kwibonera umuzuko wa mwene Data." Abri bateranye aho bose bari bategereje ko azuka ku munsi w'icyumweru cya pasika y'uwo mwaka wa 1966, ariko ntibyaba, nuko umubiri we ushyirwa mu gituro, ubwo bose bakomezaga kuririmba indirimbo ivuga ngo "izere gusa, izere gusa". Nanjye muri njye, byasaga n'aho isi yanjye y'umuka n'ibyiringiro byanjye byose byari bishingiye ku bukozi bwa mwene Data Branham byari byasenyutse. Ariko nsubiye mu cyumba aho nari nshumbitse muri hoteri, amahoro menshi yuzura umutima wanjye, nuko numva ijwi rivugira mu mutima riti: "ubu igihe cyawe kirageze cyo kujya uva mu mudugudu ujya mu wundi no mu gihugu ujya mu kindi ujanyeyo ubutumwa."

Mu minsi ibiri yakurikiyeho, ari yo tariki 11 na 12 z'ukwa kane 1966, natumije inama hamwe na bene Data i Jefersonville. Abandi bene Data bose bari bavuye ahandi baje gutabara bari bamaze gutaha, bagenda bakonje, nyuma yo gushyingura, uretse mwene Data Lee Vayle, wanditse igitabo cy' "Ibisekuruza birindwi by'Itorero". Kugeza ubwo, ibitabo byari byanditswe mu rurimi rw'icyongereza byariho byari icyo gitabo, n'akandi gatabo k'impapuro 48 kitwa "Igisekuruza cya Lawodikiya", n'igitabo cyitwa "Umuhanuzi wo mu kinyejana cya makumyabiri", n'ikindi cyiwa "Umuhanuzi yasuye Afurika y'Epho". Nta kibwirizwa na kimwe cya mwene Data Branam cyari cyakandukuwe mu gatabo, kandi nta muntu n'umwe wari yakagize igitekerezo cyo kubikora. Natanze igitekerezo ko mwene Data Roy Borders wahozi ari umunyamabanga wa mwene Data Branham kandi twari tuziranye neza, ko yafata ishingwa yo gushyira ibibwirizwa mu dutabo. Twumvikanye ko ibibwirizwa byari ku mfatamajwi byashyirwa mu dutabo, kugira ngo bishobore gushyirwa mu zindi ndimi mu buryo bworoshhye.

Agatabo kanjye ka mbere nanditse mu rurimi rw'icyongereza, kitwa "Izere Uku niko Uwiteka avuga gusa", nasobanuyemo iby'ubukozi bwa mwene Data Branham. Kacyapwemo udutabo 85,000, twoherezwa gakwirakwizwa mu mahanga yose aho nari naramaze kubwiriza, kariho aderesi ya Jefersonville. Uhereye icyo gihe, abantu bose bifuzaga kwohererezwa udutabo tw'ibibwirizwa bya mwene Data Branham mu rurimi rw'icyongereza, bashoboraga kudusaba muri Amerika. I Krefeld, natwe twatangiye gusemura no kwohereza udutabo tw'ibibwirizwa mu rurimi rw'ikidage.

Mu mwaka wa 1966/67, nari naramaze kugira amateraniro mu midugudu 25 by'Uburayibw'Uburengerazuba, ntumira na mwene Data Pearry Green kuza gutanga ubuhaya kubyo yari yarabonye mu bukozi bwa mwene Data Branham. Nyuma yaho, abandi bene Data batangira gusemura mu zindi ndii ibibwirizwa bya mwene Data Branham. Uko niko nyuma yo gutaha kw'umuhanuzi, kubwirizwa Ijambo byunganiwe n'ikwirakwizwa ry'ibibwirizwa byanditswe mu dutabo. Uhereye mu mwaka wa 1968, natangiye kubwiriza mu Burayi bw'Iburasirazuba bwose, kugeza i Moscou mu gihugu cy'Uburusiya. Hanyuma hiyongeraho Kayiro muri Egiputa, Damasi muri Siriya n'i Beyiruti muri Lebanoni, n'indi midugudu myinshi mu ntara zose aho nashoboye kugeza ubutumwa bwa Bibiliya. Uko imyaka 14 yahawe umugisha bihebuje yahise turi munsi y'ubuyobozi butaziguye bw'umwuka wera, kandi yze imbuto nyinshi cyane mu bwami bw'Imana.

Nyma y'aho haza umwaka w'i 1979, ubwo ikuzimu hahagurutse hivuye inyuma, hagamije kunsenyana n'umurimo w'Imana, binyuze mu kumparabika no kunsebya bibi cyane kandi bigambiriwe. Kugeze n'aho uuhamagaro nahamagawe n'Imana nawo wahakanwe ndetse uteshwa agakiro. Ubuntu n'imbabazi by'Imana ni byo byonyine byatumye umwanzi atagera ku ntego ye yo gusenya umurimo w'Imana.

Hatangira ubwo ikindi gice, ubwo hagaragaye imbuto ebyiri zitandukanye: imwe ikomoka ku Mbuto-Jambo, n'indi ikomoka ku bushukanyi. Zombi zisenga Imana kimwe na Kayini na Abeli, zombi ziririmba indirimbo z'Umwuka zimwe. Ariko itandukaniro ryaragaragaye: bamwe barabeshyerana, abandi bakabesherwa; bamwe barangana, abandi bakangwa, n'ibindi nk'ibyo. Munsi y'uwo mwuka mubi, nibwo hatangiye kugaragara invururu n'ibice, ku buryo mu midugudu imwe n'imwe hadutse amatorero menshi yose yiyita "amatorero y'ubutumwa bw'igihe". Nta gihe na kimwe igice gishobora gukomoka ku bukozi bwashyizweho n'Imana. Ikiranga abari munsi y'imbaraga z'umwuka mubi kandi bakwirakwiza inyigisho zabo bwite, ni uko bikururiraho abayoboke (Ibyak. 20:30). Bihisha inyuma y'umuhanuzi kugira ngo bashyigikire inyigisho zabo, akaba ariwe bashyira imbere. Kuko nk'uko bose babivuga, "bafite Bibiliya ariko nta n'umwe wayisobanukiwe". Niyo mpamvu ibyo umuhanuzi yavuze batabivuga bashingiye kuri Bibiliya cyangwa ngo babishyire mu mwanya wabyo muri Byanditswe byera, ahubwo babishyira hejuru ya Bibiliya, batitaye ko umuhanuzi yagarutse inshuro nyinshi cyane ku byanditswe mu Byahishuwe 22 avuga akomeje ati: "…*nihagira ugira icyo agabanya ku magambo y'ubuhanuzi bwo mur'iki gitabo, Imana izagabanya umugabane we ku giti cy'ubugingo no ku murwa wera*…"

Nta muntu washimira Imana ubukozi bwa mwene Data Branham nkanjye, ubukozi bwari bumeze nk'ubwo Umwami yari afite ubwe. Umugabo William Branham yari igikoresho Umwami yiyeguriye kandi yakoreshaga. Ubukozi ndengakamere no kutibeshya kwabuherekeje, nta wundi byakwitirirwa uretse Imana gusa. Niyo mpanvu icyubahiro cyose, ishimwe no kuramywa bikwiye kugarurirwa Imana, mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo. Nyamara ubukozi bw'ubuhanuzi buherekezwa n'ubukozi bw'umwigisha, kugira ngo buri kintu gishobore gushyirwa mu mwanya wacyo bishingiye kuri Bibiliya, bijyanye n'umugambi w'agakiza w'Imana. Kuba Imana uarangeneye kubwiriza Ijambo ryahishuwe nk'ubutumwa bwa nyuma,

byavuye ku cyemezo cyayo. Si jye wabishatse kandi ntabyo nigeze nsaba. Nyamara birakwiye ko ibi byongera kuvugwa: nk'uko bitashobokaga ko habaho ubutumwa nta ntumwa, ni nako abatuye isi batashoboraga kumenya ubutumwa iyo hataboneka ubu bukozi.

Mwene Data Branham amaze imyaka 50 atakiri ku isi, nta kuntu, nk'uko hari ababivuga, ashobora kuzabanziriza ukuza kwa kabiri dutegereje kwa Kristo. Ariko ubutumwa yabwirije bwo, burimo buragezwa ku mahanga yose. Umwami yacyuye intumwe ye ariko ubutumwa bwo bwaburabwirizwa mu mahanga yose. Ubutumwa ni ibyanditswe muri Bibiliya, ntabwo ari insobanuro zishingiye kubyo Branham yavuze.

Ni byo, kugeza ku iherezo rye yakomeje gutegereza imirimo ikomeye Imana izakora, kandi tuzagerwaho ndetse twibonere isohozwa ry'ibyo Imana yasezeranije byose mu Ijambo ryayo. Dore uko yabivuze: "**hari imbaraga nyinshi zizamanukira Itorero icyo gihe. Umwuka wera uzamanukira ubwoko bw'Imana bidasanzwe. Bazavuga ijambo maze rikore mu buryo bwo kurema… Itorero rizagezwa kur'urwo rugero, ku buryo umwuzuro w'imbaraga z'Umwuka wera uzinjira mu Itorero. Ibyo bizamara agahe gato, mubyitondere: ntabwo ibyo bizamara igihe kirekire, ariko bizaba** (13.01.1960).

Dore ukundi yabivuze: "**ariko icyo gihe nikigera – ubwo itorero rizaba ritangiye gusunikwa, nibwo muzabona umwuzuro w'imbaraga z'Imana, izo mwabonye ubu mu buryo budahoraho**" (29.12.1963).

Nkuko byashoboraga kuvugwa mu gihe cya Yosuwa, niko bizamera ku iherezo: "*amagambo meza yose Uwiteka yavuze ku nzu y'Isirayeri, nta na rimwe ryabuze gusohora: yose yarasohoye*" (Yos. 21:45)

Isanduku y'isezerano n'umwambaro wo ku gituza

Mu Kuva 25, Isanduku y'isezerano yarasobanuwe mu buryo burambuye. Umwanya wayo wari Ahera h'ahera, kuko ariho hari Ijambo ry'Imana rihishuye. "*Uzashyira intebe y'ihongerero ku isanduku kandi uzashyiramo ibihamya nzaguha*" (umurongo wa 21). Isanduku y'isezerano yari ifitiye ubwoko bw'Isirayeri agaciro gakomeye cyane, kandi muri yo harimo amategeko yahawe ubwoko bw'isezerano. Ijambo ry'Imana niryo ryari urwandiko rw'isezerano (1Abami 8:21) Imana yari yaragiranye n'ubwoko bwayo.

Ntabwo Imana yavuganaga n'umugaragu wayo Mose iri mu gikari cyangwa ahera, ahubwo yavugananiraga nawe ahera h'ahera ku Isanduku y'isezerano: "*Aho niho nzajya mbonanira nawe, hejuru y'intebe y'ihongerero, hagati y'abakerubi babiri bari ku isanduku y'ibihamya, ni ho nzajya nkubwirira amategeko yanjye yose ntegetse abana b'Isirayeri*" (umurongo wa 22).

Nk'uko umutambyi mukuru yazana amaraso y'igitambo hejuru y'Intebe y'ihongerero ku Isanduku y'isezerano (Abalewi:16:14), kugira ngo ibyaha byose by'ubwoko bibabarirwe ku munsi ukomeye wo kwiyunga n'Imana (Abalewi 16:17), uko niko umucunguzi wacu nk'Intama y'Imana yatambwe nk'igitambo cy'ibyaha byacu maze ajyana amaraso ye ahera h'ahera ho mu ijuru ayashyira hejuru y'Isanduku y'isezerano, intebe y'urubanza ahindura atyo intebe y'imbabazi. "… *kub'amaraso ye, amaze kutubonera ugucungurwa kw'iteka ryose*…" (Abah. 9:12)

Ubwo yapfaga, Umucunguza yararanguruye ati: "*Byose birarangiye*!" (Yoh. 19:30). Imana yagiranye natwe amasezerano, inzira igana Ahera h'ahera yaruguruwe. "*kuko aya ari amaraso yanjye, amaraso y'isezerano, amenwa ku bwa benshi, kugira ngo babarirwe ibyaha*" (Mat. 26:28).

Figure 1 Isanduku y'Isezerano n'ibindi byose biri ahera n'ahera cyane, byagombaga gukorwa hakurikikijwe rwose amabwiriza Imana yatanze: *"Ugire umwete wo kubirema ukurikije icyitegererezo cyabyo werekewe kuri uyu musozi" (Kuva 25:40). "Mose yitegereza ibyo bakoze, abona babikoze uko Uwiteka yategetse" (Kuva 39:42).*

Igihe ubwoko bw'Isirayeri bwinjiraga mu gihugu cy'isezerano, bwagendaga inyuma y'Isanduku y'isezerano yari itwawe n'abatambyi. Amazi ya Yorodani yacitsemo kabiri ubwo abari batwaye Ijambo, bizera isezerano Imana yabahaye, bakandagizaga ibirenge byabo muri Yorodani, nuko binjira mu gihugu cy'isezerano (Yos. 3). Ndetse n'inkike za Yeriko zarahirimye ubwo ubwoko bwakurikiraga Isanduku y'isezerano nk'uko Imana yari yabitegetse.

Ubwo urusengero rwatahwaga "*Maze abatambyi bacyura Isanduku y'Isezerano ahayo*" (2Ngoma 5:7). Maze Salomo azamuye mu ijuru isengesho riherekejwe n'amashimwe y'ubwoko, ubwiza bw'Uwiteka bwuzura inzu.

Aha hari isomo rikomeye: Imana, Uwiteka, yari yatunganije byose hagati y'ubwoko bw'isezerano, kandi ijwi rye ryumvikaniraga ku ntebe y'imbabazi avugana n'umugaragu we, nawe akabwira ubwoko ibyo Imana itegetse. Igihe cyose, ndetse n'igihe urusengero rwatahwaga, Imana yagiye ikomeza kwihanangiriza ubwoko bwayo kugira ngo budatera umugongo Ijambo ryayo.

Ikibabaje nuko nyuma abanditsi bageze aho bayoberesha ubwoko bw'Imana insobanuro zabo. Niyo mpamvu umuhanuzi yageze aho abacyaha ati: "*mwavuga mute muti turi abanyabwenge, kandi amategeko y'Uwiteka ari hamwe natwe? Ariko dore ikaramu y'abanditsi yayahindiye ibinyoma. Abanyabwenge baramwaye, barashobewe kandi barafashwe. Dore banze Ijambo ry'Uwiteka. Ubwenge bubarimo ni bwenge ki?*" (Yer.8:8-9).

Uko niko byabaye no mu gisekuruza cy'Itorero ryo mu Isezerano Rishya, ndetse no mu gihe cyacu. Intumwa Pawuro yavuze mu gihe cye ati:"*kandi abantu babi n'abiyita uko batari bazarushaho kuba babi, bayobya abandi kandi nabo barayobye…kandi baziziba amatwi kugira ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikire imigani y'ibinyoma*" (2Tim. 3:13, 4:4).

Umucyo n'Ukuri

Mu Kuva 29, havugwa mu buryo burambuye uburyo abatambyi bashyirwaga mu murimo. Isekurume y'intama yagombaga gutambirwa imbere y'ihema ry'ibonaniro, amaraso yayo agashyirwa ku gutwi

kwiburyo, no ku gikumwe cy'iburyo, no ku ino rinini ry'ikirenge cy'iburyo by'abatambyi. Hanyuma bakegurirwa Uwiteka guhera ku mutwe ukageza ku birenge, hamwe n'ibitekerezo byabo, imirimo yabo, ndetse n'ingendo yabo, hakoreshejwe gusigwa amavuta.

Imana yadodesheje umwambaro wo ku gituza wo kùngurisha inama, wagombaga kwambarwa n'umutambyi igihe yinjiraga ahera, ahari igitereko cy'amatabaza gikoze muri zahabu, n'imeza ishirwaho imitsima. Kuri wa mwambaro wo ku gituza, hashyirwagaho amabuye y'igiciro cumi n'abiri yari yanditseho amazina y'imiryango y'abana b'Isirayeri uko ari cumi n'ibiri. "*Aroni azajya yambara ku mutima amazina y'abana ba Isirayeri ari ku mwambaro wo ku gituza wo kùngurisha inama ubwo azajya yinjira ahera, abe urwibutso rubibukisha imbere y'Uwiteka ubudasiba*." (Kuva 28:29). Mu Kuva 28:30, tuhasoma ibijyanye na urimu na tumimu, umucyo n'ukuri: "*kandi uzashyire <u>urimu na tumimu</u> imbere muri uwo mwambaro wo ku gituza wo kùngurisha inama, bibe ku mutima wa Aroni uko yinjiye imbere y'Uwiteka. Aroni azajye yambara ku mutima we ibyungurisha inama by'abana b'Isirayeri, abijyane imbere y'Uwiteka ubudasiba*". Umutambyi yagombaga kwambara umwambaro wok u gutuza igihe cyose yinjiraga ahera (Abalewi 8:8).

Iyo umuntu yashakaga kuvuga inzozi cyangwa guhishurirwa yagize, ubwo icyemezo gikomeye cyabaga kigiye gufatwa, byagombaga gukorerwa imbere ya urimu na tumimu. Igihamya cy'Imana cyari umucyo ubengerana wavaga muri ya mabuye cumi n'abiri. Iyo byabaga ari ukuri Imana igatanga "Yego" yayo, umucyo waramurikaga. Iyo byabaga atari ukuri, ntabwo umucyo wamurikaga. Igihe abana b'Isirayeri bagarukaga bavuye mu buretwa i Babuloni mu gihe cya Ezira na Nehemiya, ibintu byase bijyanye n'umurimo w'Imana byasubijweho: *"... nuko Igisonga kibabwira kutarya ku bintu byejejwe kugeza ubwo habonekeye umutambyi akabaza urimu na tumimu*." (Neh. 28:65).

Mwene Data Branham yavuze urimu na tumimu inshuro 138, ayigereranya n'Ijambo ry'imana. Hano yaragize ati: "**urimu na tumimu byari ku gituza cya Aroni. Urimu na tumimu yatwikiriwe hamwe na ya mabuye cumi n'abiri y'igiciro… iyo babaga bashidikanya, bajyaga imbere y'Imana kugira ngo babone igisubizo. Iyo byabaga ari ubushake bw'Imana, umucyo wamurikaga uvuye muri urimu na tumimu. Iyo byabaga atari byo, ntabwo urimu na tumimu byamurikaga**…" "**urimu na tumimu byarangiranye n'ubutambyi. Ubu Imana ifite indi urimu na tumimu: ni Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana niryo urimu na tumimu. "Ijambo ry'imana ari ryo ryemerwa ko ari ukuri, naho umuntu wese agaragare ko ari umunyabinyoma", niko imana ivuga. "ijuru n'isi bizakurwaho" niko Yesu yavuze, "ariko Ijambo ry'imana rihoraho iteka**" (tariki 9/6/1953; 21/1/1961, n'ahandi).

Iyo umucyo wuzuye w'Ijambo umuritse, ni bwo Ijambo rihinduka itabaza ku birenge byacu n'umucyo mu nzira tunyuramo. Icyo gihe biba ari ukuri kandi mu Isezerano rishya, ibyo bihamirizwa n'inyigisho y'intumwa (Ibyak.2:42).

Ku bijyanye n'ubukozi bwa mwene Data Branham, yamenyekanishije ubwiru bwose abuhishuriwe n'Umwuka wera – byaba ari ibijyanye n'ibyabaye mu itangiriro mu ngobyi y'Edeni, cyangwa inyigisho nyamukuru y'ubumana, cyangwa iby'umubatizo ujyanye na Bibilia, ifunguro ryera, cyangwa ingingo ikomeye y'urushako no gusenda, cyangwa ibimenyetso birindwi byo mu Byahishuwe. Ibyo umuhanuzi yahishuriwe byose, natwe twarabihishuriwe, ku buryo dushobora ubu kubigeza ku bandi binyuze mu kibwirizwa.ku iherezo, Itorero rizaba ryaramaze kugarurwa mu mwanya waryo nk'uko ryari rimeze ku itangiriro, kuko ariryo "nkingi n'urufatiro rw'ukuri" (1Tim. 3:15). Hari isezerano ko ubutumwa bw'igihe buzasohoza neza neza icyo bwatumiwe mu bana b'isezerano (Yes. 55:11).

Icyerekezo cy'Umwuka

Ikibazo gikunze kubazwa mur'iki gihe ni: ese abali b'abapfapfa ni bande?

Mbere y'uko dushishikazwa n'ibyabali b'abapfapfa bo muri Matayo 25, twakagombye ahubwo gushikazwa no kuzasangwa turi mu bali b'abanyabwenge. Nk'uko bizwi na bose, igice cya 24 kibanziriza umugani wabali 10 mu gice cya 25. Ndasaba ko buri muntu yasoma yitonze Matayo 24 ari mu mwuka w'amasengesho. Havugwami n'ibyo mu gice cya nyuma turimo ubu: intambara, inzara, imitingito, kandi ko hazaduka ba kristo b'ibinyoma n'abahanuzi b'ibinyoma, bazakora ibitangaza bikomeye n'ibimenyetso kugirango niba byashobokaga bayobye n'intore. Ariko kubw'ubuntu bw'imana, ibyo ntabwo bishoboka! Hanyuma dusoma imburo y'Umwami wacu: "*dore mbibabwiye bitari byaba.*" Yongeraho kandi ko kugaruka kw'Umwana w'umuntu kuzaba "… *nk'umurabyo urabiriza iburasirazuba, ukagaragara n'iburengerazuba*", ko atazamara imyaka cyangwa ibyumweru mu nzira. Hanyuma, Umwami wacu atanga urugero rw'igiti cy'umutini, cyagereranijwe na Isirayeri muri Hoseya 9:10 : "*iyo amashami yacyo atoshye, amababi akamera, muba muzi ko igihe cy'impeshyi kiri bugufi*" (Mat. 24:32). Ubwoko bw'Isirayeri bwagarutse mu gihugu cyabwo buvuye mu bihugu birenga 150 (Yes.14:1; Yer.31:10; Ez.26:24; Luka 21:24). Isirayeri yongeye kubaho nk'ihanga uhereye mu mwaka w'1948, kandi ubu hariho miliyoni 17 z'abayahudi nk'uko byari bimeze mbero y'itsembwatsembwa ryabo.

Umwami yongeye kuvuga ati: "… *nimubona ibyo byose, muzamenye yuko Umwana w'umuntu ari hafi, ku rugi*" (Mat.24:33). Umwami yakurikijeho hirya gato ibyo kugaruka kwe: ababiri bazaba bari mu buriri, cyangwa ababiri bazaba bari mu murima; umwe azatwarwa undi asigare. Ka tubivuge bundi bushya, igikwiye kwitabwaho ni: "*mube maso, kuko mutazi umunsi Umwami wacu azazira*" kandi imburo ya nyuma iravuga iti: " N*iyo mpamvu namwe mukwiriye guhora mwiteguye, kuko Umwana w'umuntu azaza igihe mutabitekerezaga*" "*nimuhore mwiteguye*!". Kuko abazaba biteguye bazinjira mu birori by'ubukwe! Ibyo Umwami yahanuye mur'iki gice byose, biriho birasohorera mu maso yacu, kuri Isirayeri, mu Ntara yo hagati no ku isi yose.

Muri matayo 24:45-47, ikivugwa ni ikwirakwizwa ry'ibyokurya kugeza igihe azagarukira. Umwami arabaza ubwe ati: "*mbese ni nde gisonga gikiranuka cy'ubwenge, shebuja yasigiye abagaragu bo mu rugo rwe kugirango abagerere igerero igihe cyaryo*? Tuzi neza yuko umuntu atabeshwaho n'umutsima gusa, ahubwo na buri Jambo ry'Imana (Mat.4:4; Gut.8:3). Imana yasezeranije ko izohereza inzara yo kumva amagambo yayo (Amosi 8:11). Ese haba hari ikindi gihe ameza y'Umwami yaba yarigeze guteguweho amafunguro menshi nk'uko bimeze ubu? Ese ibyokurya by'umwuka bimwe ntibikwirakwizwa ku isi yose na bene Data bari mu murimo? Mu by'ukuri, ibyanditswe birimo gusohorera mu maso yacu.

Nta kabuza, Umwami yagombaga kuvuga n'iby'umugaragu mubi, ku iherezo ry'igice cya 24, ku mirongo ya 48-51. Ariko niko byakomeje kuba ibihe byose. Ikibanza ni uko Umwami yohereza abagaragu be babwiriza ijambo rye, hagakurikiraho abagabo bishyiraho, bakazanira ubwoko bw'Imana insobanuro zabo bwite, **ariko badashobora kuvuga uko bahamagawe n'Imana cyangwa uko batumwe. Ku Mana, ibyo ntibihinduka: nta muhamagaro, nta no gutumwa gushobora kubaho, kandi nta gutumwa gushobora kubaho kutarabanjirijwe n'umuhamagaro**. Muri matayo 13:34-43, Umwami wacu yavuze iby'imbuto nziza yabibye ubwe, hanyuma umwanzi aherako araza abiba imbuto mbi. Imbuto zombi zarameze: imwe

ni abana b'Imana, iyindi, ni abana b'umubi. Nta gihugu na kimwe ku isi aho ubutumwa bw'ukuri atari bwo bwabanje kubwirizwa. Nyuma yaho nibwo imbuto mbi y'insobanuro z'abantu nayo yabibwe.

Muri Matayo 25, umwami yarakomeje avuga ati: "*icyo gihe ubwami bwo mu ijuru buzaba bugereranywa n'abari cumi, bafashe amatabaza yabo, bajya gusanganira Umukwe*". Abantu bose bakwiye kumenya ko Matayo 24 ikirangira, haherako hakurikira Matayo 25 umurongo wa 1, ahanditswe ngo: "***icyo gihe ubwami bwo mu ijuru buzaba bugereranywa***…". Ntabwo ari mbere cyangwa nyuma yaho, **ahubwo ni igihe ibiri muri Matayo 24 bizasohora, ibyokurya nyakuri bikagakwirakwizwa,** nibwo umugani w'abari cumi uzasohora mu bwami bwo mu ijuru. Ubu, ubutumwa burarushaho kurangurura mu mbaraga: "*Dore umukwe araje, mujye kumusanganira!*"

Ikibanza ni uko abari bose bafata urugendo. Bagiye gusanganira Umukwe, bafite amatabaza yabo mu ntoki. Nyamara abanyabwenge nibo barangiza urugendo bakagera ku ntego. Bo bajyannye imperezo zabo zuzuye amavuta. Bose barasinziriye hanyuma baza gukangurwa n'akamo ko mu gicuku hagati kavuga kati "*Dore umukwe araje*!". Abali bose barakangutse, bose batunganya amatabaza yabo, ariko mu gihe gikomeye, amatabaza- umucyo w'abapfapfa urazima, nuko mu gihe bajyaga gushaka amavuta mu bayacuruza, Umukwe arazá, abanyabwenge binjirana nawe mu cyumba c'ibirori maze umuryango urafungwa. Abapfapfa baje hanyuma maze barahamagara: "*Mwami, Mwami, dufungurire!*" icyo gihe rero haje igisubizo giteye ubwoba: "*ndababwiza ukuri, simbazi*". Haherako hakurikira kwihanangirizwa gukomeye: "*nuko rero mube maso, kuko mutazi umunsi cyangwa igihe*" (umurongo wa 13). Ka twongere tubirebe: bigitangira, igihe akamo gahamagara kumvikanye, abari nibo bagiye gusanganira Umukwe, no ku iherezo nibo bahamagara bari inyuma y'urugi rukinze: "*Mwami, Mwami, dufungurire!*".

Abari b'abapfapfa abo amatabaza yabo yazimiyeho, babanje kugira umucyo; bahamagarirwe gusohoka ariko ntibitegura (Ibyah.19:7). Umwuka w'Imana uyobora mu Kuri kwose no mu kwubaha. Abemera kuyoborwa n'Umwuka wera mu Kuri kwose nibo bana b'Imana nyakuri (Abar.8:14). Abanyabwenge bo bitwaza n'imperezo zuzuyemo amavuta. Ibyavuzwe n'umuhanuzi Eliya mu gihe cye: "*ifu iri mu rwabya ntabwo izabura, n'amavuta ari mu mperezo ntabwo azagabanuka, kugeza kugeza ubwoImana izagusha imvura ku isi*" (1Abami 17:14). Bafite umutsima w'ubugingo n'umwuzuro w'Umwuka, kandi bazahabwa imigisha yose y'imvura ya nyuma. "*nuko mwihangane bene Data, kugeza ubwo Umwami azazira. Dore umuhinzi ategereza imyaka y'ubutaka y'igiciro, ayirindiria yihanganye kugeza ubwo azabonera imvura y'umuhindo n'iy'itumba*" (Yak.5:7). Abari b'abanyabwenge nibo bagize umugeni; nibo bazagero ku ntego igihe Umukwe azagaruka. Abari b'abanyabwenge bizera rwose buri Jambo ry'imana. Bunzwe n'Imana mu buryo butaziguye binyuze mu bukozi, ari yo ubwayo irimo kuganisha umurimo wayo ku musozo. Batera umugongo buri nsobanuro kandi ntibemera gushukwa (2Abakor.11). Ntabwo ari utangira, ahubwo urangiza niwe uzambikwa ikamba.

Ese intumwa zivugaga mu buhe buryo?

Pawuro yatangije urwandiko yandikiye itorero ry'i Roma amagambo akurikira: "*Pawuro, imbata ya Yesu Kristo, wahamagariwe kuba intumwa, washyiriwe ku ruhande kubwiriza ubutumwa bw'Imana…"*

Intumwa yakobo atangiza urwandiko rwe aya magambo: "*Yakobo, umugaragu w'Imana n'Umwami Yesu Kristo, ndabandikiye mwese abo mu miryango cumi n'ibiri y'abatatanye ndabatashya* …" (Yak.1:1).

Intumwa Petero nawe yatangije urwandiko rwe rwa kabiri aya magambo: "*Simoni Petero umugaragu n'intumwa ya Yesu Kristo*…" (umurongo wa 1).

Mu gihe cy'imyaka myinshi, Umwami nyir'ukwiringirwa yagiye ampa amabwiriza, kandi igihe cyose yajyaga ampamagara avugaga ati "mugaragu wanjye", nk'uko byagiye byandikwa mu nzandiko zizenguruka zinyuranye, kimwe no murwo mu kwezi kwa 5/2005. Abari b'abapfapfa ibyo barabiseka, bo bemera gusa ubukozi bw'intumwa y'iki gisekuru, naho ubukozi bw'ukomeza gutwara ubutumwa bwo ntibabwemere.

Bose bazashyirwa imbere ugutoranya kwabo kwa nyuma. Ibyo Pawuro yanditse ku bijyanye n'ubukozi biracyafite ireme: "*ese babwiriza bate batatumwe? Nk'uko byanditswe ngo: mbega ko ibirenge by'ababwiriza amahoro ko ari byiza, by'abavuga inkuru nziza*!" (Abar.10:15).

Nanjye nshobora kubivuga kubw'ubuntu bw'Imana: "uwantumye, yarambwiye ati!". Ibyo ntaho mpuriye nabyo nk'umuntu: nanjye ndi umuntu usanzwe, ndi umunyabyaha wagiriwe Ubuntu, nk'uko mwene Data Branham yakundaga kubyivugaho: umunyabyaha wakijijwe kubw'ubuntu". Ibi ni ibijyanye n'umugambi w'Imana w'agakiza hamwe n'ibyo yasezeranije iki gihe gikomeye. Ibyo Umwami wacu yavuze biracyafite ireme: "*uzakira uwo nzaba natumye ni jye azaba yakiriye*…". Hanyuma bizagendekera bite abazanga kumwakira? "nibanga kubakira no kumva amagambo yanyu, muzasohoke mur'urwo rugo cyangwa muri uwo mudugudu, maze mukunkumure umukungugu wo ku birenge byanyu" (Mat.10:14).

Uw'Imana azumvira Iambo ry'Imana, kandi uwabyawe n'Imana azaryizera. Abari b'abapfapfa baca iruhande rw'ibyo Imana ikora uyu munsi n'agasuzuguro kenshi. Bo kimwe n'abandi nibo barebwa n'aya magambo: "*nimurebe mwa banyagasuzuguro mwe, mutangare maze murimbuke; kuko ngiye gukora mu minsi yanyu umurimo mutazemera n'aho umuntu yawubasobanurira*" (Ibyak. 13:41). Abari b'abanyabwenge bo ntabwo bumvise gusa ibyo Umwami akora mur'iki gihe cyacu, ahubwo babifitemo uruhare mu buryo butaziguye kugeza kw'iherezo rya byose.

Ka twongere tugaragaze agaciro k'ubukozi bwatanzwe n'Imana. Ku murongo wa mbere w'igice cya mbere cy'Ibyahishuriwe Yohana, dusoma ibikurikira: "…*agatuma marayika we kugira ngo abimenyeshe Yohana*…". Mu gice cya nyuma naho handitswe ngo: "*Umwami, Imana y'imyuka y'abahanuzi, yohereje marayika wayo*…" (umur.6) maze mu kurangiza aragira ati: "*Jyewe Yesu nohereje marayika wanjye*…" (umurongo wa 16). Yaba ari intumwo yo mu ijuru cyangwa intumwa yo ku isi, utumwe n'Imana aba ari mu bukozi butaziguye bw'Imana kandi avuga amagambo y'Imana (Yoh.3:34). Noneho rero, bikwiye kumenyekana ko umurimo urimo gukorwa ubu ku isi yose, ari ubukozi buri mu mateka y'umuambi w'agakiza.

Igice cy'ikinyejana

Iyo dushubije amaso inyuma tukareba ibyo Umwami yakoze mur'iyi myaka mirongo itanu ishize nyuma yo gutaha kwa mwene Data Branham, twuzura ishimwe ryinshi. Kuba Branham yari umuhanuzi wasezeraniwe, ibyo ntawabishidikanyaho. Ibyagombaga gukorwa n'ubwo bukozi bwihariye budasanzwe bw'umuhanuzi n'intumwa y'igisekuru, byose byarasohoye. Ubukozi bwe bwararangiye. Mwene Data Branham nk'umuntu, yari afite rwose uburenganzira rwo kuba umuntu nk'abandi. Yari afite uburenganzira bwo kuvuga ibyo yatekerezaga ku bijyanye no gukwega kwa gatatu, inkuba ndwi, ibyo yeretswe by'ihema, n'ibindi. Kuba yari umuntu usanzwe ntabwo bigabanya na gato ubukozi yahawe n'Imana. Mu byo avuga

kur'izo ngingo harimo ibintu bitoroshye gusobanukirwa, kandi ikibabaje ni uko nk'uko byari mu gihe cya Petero ubwo yavugaga ku bijyanye n'inzandiko za Pawuro n'ubu ariko biri: "…*Icyakora zirimo bimwe biruhije gusobanukirwa, ibyo abaswa bahindagurika bagoreka, nk'uko babigirira n' ibyanditswe bindi bakizanira kurimbuka*" (2Pet.3:16).

Insobanuro z'abantu ntizakagambye rwose no kubaho; zijyana banyirazo mu kurimbuka. Ariko, iyo tugaruye byose mu Ijambo tukagishyira buri kintu mu mwanya wacyo neza, bituma n'ibitoroshye gusobanukirwa bisobanuka nta mbaraga bisabye. Ndabasaba mbivanye ku Mana ko mwubaha ijambo ry'Imana. Nta buhanuzi bwo mu byanditswe na bumwe byemewe ko umuntu abusobanura uko yishakiye; ni ko bimeze ku bijyanye n'ikimenyetso cya karindwi, n'inkuba ndwi n'ibindi byose byakwirakwijwe hose nyuma yo gutaha kwa mwene Data bikazana ibiyiringiro bishukana.

Nta muntu n'umwe uzashobora kumbuza kwizera Ijambo ry'Imana nk'uko ryanditswe, no gushyira ibyo mwene Data Branham yavuze mu mwanya wabyo mu byanditswe byera. Nk'uko ari ukuri ko Imana yarangije umurimo wayo wo kuremwa, ni nako irimo kurangiza umurimo wayo wo gucungura: "*Si kubw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga*" (Zak.4:6b).

Ubu dutegereje bikomeye mu gihe gito ko Umwami azaduha igihe cy'imbaraga. Ariko mu gihe bitaraba, turashaka gukomeza gushikama mu byiringiro, nk'uko intumwa yari imeze mu Baheburayo10:36: "*kuko mukeneye kwihangana, kugira ngo nimumara gusohoza ubushake bw'Imana muzahabwe ibyo mwasezeranijwe*".

Niyo mpamvu handitswe ngo: "*Uwiteka azahaguruka nk'uko yahagurutse ku musozi Perstsimu, azarakara nk'uko yarakariye mu kibaya cy'i Gibeyoni, ngo akore umurimo we, ariwo murimo we w'inzaduka, uwo murimo we w'inzaduka azawusohoza*" (Yes.28:21).

Aha ibivugwa ntabwo ari ibyo abantu bategereje cyangwabatangaza, ahubwo n'ibyo Imana yasezeranije: "*Kuko uwiteka azasohoza rwose kandi vuba ibyo yagambiriye ku isi*" (Abar.9:28).

Kubera ibihe bikomeye tugezemo, amagambo Pawuro yandikiye Abaroma mu gice cya 16 afite ireme kurenza ibindi bihe byose: "*Ariko bene Data, ndabinginga ngo mwirinde abazana ibyo gutandukanya n'ibigusha binyuranye n'ibyo mwizeye, mubazibukire kuko abameze batyo batari imbata z'Umwami wacu Kristo, ahubwo ar'iz'inda zabo, kandi imitima y'abatagira uburiganya bayohesha amagambo meza yo kuryongora*" (Abar.16:17-18).

"Ibisigaye bene Data, muhore munezerewe, mutungane rwose, muhumurizanye, muhuze umutima, mubane amahoro; kandi Imana y'urukundu n'amahoro izabana namwe" (2Abakor. 13:11). Amina.

Ikigo mpuzamahanga cy'ivugabutumwa

Ubwo nagarukaga mvuye gushyingura mwene Data Branham, mu kwezi kwa 4/1966, ngatangira gukora umurimo w'Imana nta kindi mbibangikanije, nta kuntu nashoboraga gutekereza ukuntu uwo murimo w'ivugabutumwa wari kwaguka mu gihe gite cyane. Kuva ku itangiriro, Imana yakomeje kwita ku byari bikenewe byose, ku buryo kugeza uyu munsi, twashoboye gukwirakwiza

udutabo/brochures, ibitabo, za CD na DVD ku buntu. Ndetse no kwubaka amazu anyuranye, -urusengero muri 1974, andi mazu muri 1978 n'inzu ya nyuma muri 1990- nta gihe na kimwe twigeze dufata umwenda. Nta gihe na kimwe ikibazo cy'amafaranga cyigeze kivugwa, nta na rimwe twigeze dusaba ko habaho gusaba gutanga amafaranga ya gahunda iyo ariyo yose.

Nshimira Imana by'umwihariko bene Data na bashiki bacu begurira Umwami impano bafite: bene Data bamfasha mu murimo wo kubwiriza; abadiakoni bakorera itorero; umuyobozi w'abaririmbwi n'ibyuma bicuranga; abasemuzi baherako basemura mu ndimi 12 ibibwirizwa byo mu materaniro mpuzamahanga hamwe n'ibibwirizwa byo mu nyandiko, kimwe n'abandi bose bakora hano mu kigo cy'ivugabutumwa, byaba ari mu biro, mu icapiro cyangwa abohereza Kuri posita ibigomba kwoherezwa; ntibagiye n'abakora isuku bakita no ku kigo cyose, haba imbere cyangwa inyuma.

Hano, ntabwo Imana nyir'ukwiringirwa yaduhaye inzu yo gusengeramo ifite n'icyumba cyo hejuru (balcon) gusa, ahubwo yaduhaye n'aho kurira, n'aho abana bigira ku cyumweru, ku buryo bituma dushobora kwicaza abantu 1200 mu materaniro ya buri kwezi.

Ndetse, Umwami yahaye bene Data n'ubumenyi bwose bukenewe bwa tekiniki, iduha n'ibikoreso. Ibyo bituma amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi ashobora gukurikirwa Kuri interineti ku isi yose, hanyuma tukohereza DVD ibihumbi cumi na kimwe (11.000) buri kwezi ku isi yose. Cyo kimwe, n'iyoherezwa ry'ibitabo na za brochure, bikorwa na bene Data bitatugoye.

Nshaka kuboneraho ngo nshimire byimazeyo mwene Data Pawuro Shimiti (Paul Schmidt) na bene Data bandi bagira uruhare rwo kubwiriza mu matorero y'uturere, na bene Data bandi bari mu bukozi babwiriza Ijambo ry'Imana mu bihuu byose kandi bagakwirakwiza Ijambo ry'Umwuka ritavangiye. Kandi namwe ndabashimira mbivanye ku mutima bene Data na bashiki banjye, kubera ukuntu mushyigikira umurimo w'ivugabutumwa ku isi kubw'amasengesho yanyu n'impano zanyu. Imana ibibiture, kuko ariyo mwabikoreye.

Buri rugendo rw'ivugabutumwa mu ngendo nyinshi nagize uyu mwaka, rwabaye insinzi y'Ukuri. Umwami yaravuze ati: "Ubu butumwa bwiza bw'Ubwami buzabwirizwa ku isi yose, kugirango bube gihamya amahanga yose. Maze imperuka ibone kuba." (Mat. 24:14). Buri kwezi, ibihumbi by'abizera bakurikira kuri interineti mu bihugu 172 binyuranye ibibwirizwa bya buri kwezi kimwe natwe. Ku bihugu byinshi bicisha ibibwirizwa byacu Kuri TV hiyongereyeho ikigo cya televisiyo cy'ahitwa Lahore mu gihugu cya Pakisitani. Bigitangira, icyo kigo cyacishaga ibibwirizwa byacu ku a televiziyo 23 yo mu bihugu by'abarabu, uyu munsi bimaze kugera ku bigo bya televiziyo 70 bikwirakwiza ibibwirizwa byanjye rimwe mu cyumweru. Bufite kandi n'ibibwirizwa bihora binyura kenshi Kuri televiziyo mu bihugu bya Rumaniya na Burugariya. Ntibyakagombye gutinda rero mbere y'uko n'uwa nyuma agerwanho!

N'ubwo hashize imyaka mirongo itanu nyuma y'uko Umwami acyuye mwene Data Branham, buri mwaka Umwami aduhaye utubera umwaka w'ubuntu. Ibyo Umwami yavuze bizakomeza kugira ireme kugeza ku iherezo: "*umwuka w'Umwiteka uri kuri jye, kuko yansigiye amavuta kugirango bwirize abakene ubutumwa bwiza; <u>yanyohereje</u> kugira ngo nkize abafite imitima imenetse;*

yantumye kugira ngo mbwire imbohe ko zibohotse, mpumure amaso y'impumyi, no kugirango menyeshe abantu iby'umwaka w'ubuntu w'Uwiteka" (Luk.4:18-19).

Ubutumwa bw'igihe ni: imbohe zirabohoka, umwenda urishyuwe rwose, ibyaha byose niba twarabyicujije tukabimwegurira, kugeza ku cyaha cyo kutizera no kutumvira, byarababariwe. Buri umwe yari akwiriye gufata iki gihe atajenjetse akavuga ati: "numvise impanda y'Imana, nasobanukiwe ubutumwa, kandi nemeye kwiyunga na Kristo hamwe na mugenzi wanjye". Imana yasezeranije ko izagarura byose mu Itorero ryayo, maze naryo ikarigarura mu mwanya waryo ukwiriye. Amasezerano yayo ni Yee kandi ni Amina (2Abakor.1:20-22); Ibera maso ibyo yasezeranije. Itorero-mugeni rizagarurwa ku kugendera ku ntambwe imwe n'Ijambo, kandi kw'iherezo, rizaba riri hose ku isi umutma umwe n'ubugingo bumwe, nkuko byari bimeze mu itorero rya mbere.

Nk'uko ari ukuri ko Imana ari nzima, ni ko mu kwezi kwa 1/1981 nibonye ndi mu izamurwa. Bose bari bato, bambaye imyenda yera, nuko tuzamurwa mu ijuru twinjira muri Yerusalemu nshya. Isengesho ryanjye ni uko umuntu uzasoma uru rwandiko ruzenguruka wese yagirirwa Ubuntu n'Imana, akemera gukosorwa kugira ngo azashobore kwinjira mu birori by'ubukwe, ubwo Yesu azagaruka (Ibyah.19:9). "***Umwuka n'umugeni baravuga bati: ngwino. Uwumva nawe avuge ati: Ngwino*!"** (Ibyah.22:17).

"***Uhamiriza ibyo aravuga ati: Yego, ndaza vuba. Amina, Ngwino Mwami Yesu*!"** (Ibyah. 22:20).

Figure2. Iyi shusho y'ikigo cyacu yafashwe na bene Data Hans Hamestuk na Matthias Miskys, tariki 4/10.

Buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi, bene Data na bashiki bacu baza mu materaniro, hari ubwo baza bavuye mu bihugu 30 bitandukanye, bakaza mu ndege, muri gari ya moshi no mu modoka.

Figure 3. Aha hari ibibwirizwa bya mwene Data Branham birenga 600 byashyizwe ku mfata majwi, ibyo nagiye nohererezwa uhereye mu mu kwezi kwa 6/1958 ukageza mu kwezi kwa 12/1965.

“… Ngushyiriyeho kuba umucyo wo kuvira amahanga, kugira ngo ugeze agakiza kanjye ku mpera y’isi” (Yes.49:6)

Figure 4. I Kinshasa, muri RD Congo, tariki 10/7/2015

Figure 5. I Targu Mures, muri Rumaniya, tariki 15/8/2015

Figure 6. I Goiania, muri Burezili, tariki 15/11/20`5.

Mu mwaka wa 2016, turabifuriza bivuye ku mutima imigisha igaragara y'Imana, mu midugudu yose n'ibihugu byose. Ka twese hamwe twubure amaso yaso yacu, kuko tuzi neza yuko gucungurwa kw'imibiri yacu kwegereje.

Ukoreshwa n'Imana

Fr. Frank

Niba mwifuza kwohererezwa ibitabo byacu, mushobora kutwandikira kuri aderesi ikurikira:

Mission Center
Boite postale 100707
47707 Krefeld
Allemagne

Mushobora gukurikira amateraniro yacu kuri interineti, aba mu cyumweru cya mbere cy'ukwezi. Kuwa gatandatu nimugoroba saa moya n'igice (19h30) (GMT+1) no ku cyumweru mugitondo sas ine (10h00) (GMT+1). Amateraniro akwirakwizwa ku isi yose mu ndimi 13 zinyuranye ! Nimugire uruhare ku murimo Imana irimo gukora ubungubu nk'uko biri mu mugambi wayo w'agakiza !

Page web : http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news

E-mail: volksmission@gmx.de ou
E.Frank@freie-volksmission.de
Fax : 0049-2151/951293